**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**UBUTEGETSI BW'UBUCAMANZA**

**P. O. Box 197 Kigali**

# IJAMBO RYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA AKABA NA PEREZIDA W'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA MU NAMA NYUNGURANABITEKEREZO YA KOMITE ZO KURWANYA RUSWA MU NKIKO

Dr. Faustin NTEZILYAYO

- Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire
- Bacamanza mu Nkiko zitandukanye
- Banditsi b'inkiko n'abandi bakozi bunganira inkiko muteraniye aha

Mwaramutse !

Nagira ngo ntangire mbashimira ko mwitabiriye iyi nama igamije kungurana ibitekerezo no gufata ingamba zikwiye zafasha mu rugamba rwo kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza; ndagira ngo kandi mbibutse ko gutsinda ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza ari intango nziza mu kurandura ruswa mu Rwanda hose. Urwego rw'Ubucamanza rugomba kuba ku isonga mu bikorwa byo kurwanya ruswa, kuko nk'uko bivugwa, ni nde warinda abarinzi igihe batatiye inshingano zabo ? *As guardian of the rule of law, the Judiciary must be at the forefront of the fight against corruption.* Igihe cyose abakora icyaha cya ruswa n'ibishamikiyeho bazaba babona ko inkiko zica imanza zivugwamo ruswa mu mucyo, nta kubogama cyangwa guterwa

igitutu n'abambari ba ruswa, bizatuma batekereza kabiri mbere yo kwishora muri ibyo bikorwa.

Ikindi kandi gifitanye isano n'icyo, ni uko abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko tugomba kwirinda ko Urwego rw'Ubucamanza rwafatwa bunyago na bamwe, cyane cyane qbahoze barurimo bakajya mu Rugaga rw'Abavoka, Abahesha b'Inkiko cyangwa Abanoteri bigenga, kuko byagaragaye ko bamwe bitwaza ko bazi imikorere y'Urwego rw'Ubucamanza bakabeshya rubanda ko bazabagerera ku bacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bafite aho bahuriye n'icibwa ry'imanza. Tugomba gukora ibishoboka kugira ngo tudaha icyuho bene iyo mikorere, aho wumva imvugo hanze aha ko iyo urubanza rukomeye, umuburanyi ashyiraho abavoka bazi amategeko, ariko akanashyiraho abazi umujyi ! *We must be committed to do what it takes to avoid that the Judiciary be captured by vested interested, as it would then lose its credibility and public's trust and confidence.*

Kurwanya ruswa ni igikorwa gikomeye, ariko burya impunduka yose kugira ngo ishoboye isaba kwiha intego, noneho nk'uko urugendo rwa 1000 km rutangirira ku ntambwe ya mbere (*A journey of a thousand miles starts by a single step*), tukagenda dutera intambwe buri munsi mu guhashya ruswa mu rwego rw'Ubucamanza no mu Gihugu cyose muri rusange. Ntawe ukwiye kwibwira ko iyi gahunda idashoboka, kuko hari ingero zifatika mu isi zaho byagiye bikorwa kandi Igihugu cyacu kiri mu nzira nziza n'ubwo nyine inzira ikiri ndende. But as Nelson Mandela said, « *It always seems impossible until it is done* ».
Kandi burya ibikorwa by'impinduka bisaba gusa kugira ikipe ntoya yiyemeje kugera ku ntego runaka igamijwe. *It only takes a small team of committed people to induce change.* Komite rero yitezweho kuba umusemburo mu rugamba rwo kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza.

Kurwanya ruswa bisaba ubufatanye bw'ingeri nyinshi. Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza buzakomeza gufatanya na Komite ndetse

n'izindi nzego, cyane cyane Ubushinjacyaha, Ubugenzacyaha, Urugaga rw'Abavoka muri gahunda yo kurwanya ruswa mu nzego z'Ubutabera.

Muri nama, nagira ngo muze kuganira ku buryo bufatika n'icyerekezo gishya cyafatwa kandi gihamye byatuma Komite zigomba gukorera hibandwa cyane cyane ku myitwarire y'abacamanza, abanditsi n'abandi bakozi b'inkiko.

Abacamanza, abanditsi n'abandi bakozi bunganira inkiko bagomba kwanga ruswa n'ibisa na yo, bakayirinda, bakayirwanya ndetse bakanayamagana aho ishobora kuboneka hose.

Umuco wo guhishirana ntukwiye kurangwa mu bucamanza, uzagirwa inama ntiyumve akishora muri ruswa akwiye kugaragazwa agahanwa kugira ngo n'abandi basigaye ndetse n'abagana inkiko bamenye ko Urwego rw'Ubucamanza rwiyemeje kurwanya ruswa ku mugaragaro ″**RUSWA IGOMBA GUKUBITIRWA AHABONA**″. ibyo rero ni mwebwe muri muri iyi nama hamwe na bagenzi banyu muhagarariye muzafasha urwego ku bigeraho.

Mu ngamba ziza gufatwa muri iyi nama, muzirikane ko kurwanya ruswa bigomba gukomatanya ingamba zose zirimo:

- Kugira inama, kwigisha no guhugura
- Gukumira no kwamagana ndetse no
- Guhana

Ni byiza rero ko abakozi mukorana batababona nk'abababahiga (hunters) ahubwo bababonamo n'ubujyanama, ubuhwituzi no gutanga urugero n'ubwo bitazabuza ko abazijandika muri ruswa bazabihanirwa hakurikijwe amategeko.

Iyo havuzwe ruswa, abantu batekereza ko ari indonke y'ubutunzi bw'amafaranga gusa, iyi myumvire ntizabarangaze ngo mwirengagize ko hari izindi ngeso n'imyitwarire iganisha kuri ruswa na yo mugomba guhangana na yo, aha navuga nka ruswa iganisha ku ishimishamubiri,

icyenewabo, itonesha no gukoresha igitinyiro ndetse n'ibindi, ibyo byose na byo bigomba kurwanywa mu Rwego rw'Ubucamanza.

Mbijeje ko tuzafatanya namwe ku bizakenerwa byose muguhangana na ruswa : byaba ari ibikeneye inama, ubushobozi cyangwa ubumenyi, ntimuzashidikanye kwiyambaza ubuyobozi bw'ubucamanza kuko ari zo nshingano zacu.

Nongeye kubashimira kuba mwitabiriye iyi nama, kandi nizeye ko muza kuyikuramo imirongo fatizo izafasha kurandura ruswa mu bucamanza no mu zindi nzego. *Let's continue to build a Judiciary and a country free from corruption.* Ibi bizaha n'imbaraga gahunda yo gukomeza kubaka Igihugu kigendera ku mategeko, bikaba ipfundo ry'amahoro, umutekano n'iterambere rirambye.

**Murakoze, mugire amahoro.**